## IJAMBO RY'IBANZE

Itegeko Nshinga rishya rya Repubulika y'u Rwanda ryasohotse mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda yo ku wa 04 Kamena 2003.

Kubera impamvu z'ingenzi, ubu iryo Tegeko Nshinga rimaze kuvugururwa inshuro enye: Ivugururwa rya mbere ryabaye ku wa 02 Ukuboza 2003, irya kabiri ku wa 08 Ukuboza 2005, irya gatatu ku wa 13 Kanama 2008 n'irya kane ku wa 17 Kamena 2010.

Ivugururwa rya mbere n'irya kabiri byari bigamije cyane cyane kugaruka ku mitunganyirize y'Ubuyobozi n'inshingano z'inzego za Leta cyane cyane iz'Ubutabera n'urwego rw'Umuvunyi hakurikijwe ibyagaragajwe mu gutangira gushyira mu bikorwa Itegeko Nshinga. Yibanze kandi no guhuza Itegeko Nshinga n'imitegekere mishya y'Igihugu cy' u Rwanda.

Ivugururwa rya gatatu ryibanze cyane mu gutunganya bimwe mu bibazo bitahise bikemurwa n'ayo mavugururwa yombi, cyane cyane ikibazo cya manda z'Abagize Inzego Nkuru z'Igihugu zari zigejeje igihe cyo kurangira; gukemura ikibazo cyo gutuma Itegeko Nshinga rigira ubwinyagamburiro n'ingingo z'inzibacyuho zari zigejeje igihe cyo guhuzwa n'aho Igihugu kigeze.

Ivugururwa rya kane ryibanze cyane cyane gukemura ikibazo cyerekeranye n'uko Itegeko Nshinga ryatowe muri 2003 ryasobanuraga ibintu mu buryo burambuye, bityo uko hagize igihinduka nko mu kunoza imikorere y'Urwego runaka bikaba ngombwa ko rivugururwa. Iri vugururwa kandi ryibanze no guhindura uburyo abayobozi bakuru b'Igihugu bashyirwaho, kugabanya umubare w'amategeko ngenga, gukuraho manda za bamwe mu

## INTRODUCTION

The new Constitution of the Republic of Rwanda was published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda on 4th June 2003.

Due to important reasons, the mentioned Constitution has been amended four times: The first Amendment was published on 2nd December 2003, the second one on 8th December 2005, the third one on 13th August 2008 and the fourth one on 17 June 2010.

The first and second amendments concerned essentially the review of the organization and the attributions of State organs especially those in the Justice Sector and the Office of the Ombudsman following loopholes which were noticed in the implementation of the Constitution and its harmonization with the newly created administrative entities of Rwanda.

The third amendment dealt especially with resolving issues that were not immediately solved by the previous amendments especially: issues relating to the terms of office of some senior authorities in the main State organs whose terms had reached their expiry date; Flexibility of the Constitution; and other transition provisions that needed to be updated to the current status of the country.

Finally, the fourth amendment intended especially to avoid that the Constitution goes into details with the consequence that any change in the organization of a given organ would give rise to the amendment of the Constitution. This amendment also changed procedures with regard to modalities of appointing senior officials, to reduce the number of organic laws, to remove terms of office for some judges and prosecutors and to rename some

## AVANT PROPOS

La nouvelle Constitution de la République du Rwanda a été publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda le 04 juin 2003.

Pour des raisons majeures, ladite Constitution vient de subir quatre révisions respectivement le 02 décembre 2003, le 08 décembre 2005, le 13 août 2008 et le 17 juin 2010.

Les deux premières révisions ont porté essentiellement sur l'organisation et les attributions des organes de l'Etat spécialement ceux relatifs à la justice et à l'Office de l'Ombudsman constatés dans la mise en application de la Constitution et sur son adaptation aux nouvelles entités administratives du territoire national.

La troisième révision a revu des questions non résolues par les amendements constitutionnels précédents, notamment : le mandat de certaines hautes autorités des organes de l'Etat ; la fléxibilité de la Constitution, et l'adaptation de certaines dispositions transitoires au contexte du moment.

Enfin, la quatrième révision a eu pour but de résoudre la question des détails contenus dans la Constitution de 2003 qui exigeaient des amendements chaque fois que survenaient des modifications mineures, notamment dans l'organisation d'un tel ou tel autre Organe. La présente révision a également revu la procédure de nomination des hautes autorités du pays, le nombre de lois organiques, le mandat de certains juges et

bacamanza n'abashinjacyaha ndetse no guhindura inyito za zimwe mu nzego za Leta.

Mu rwego rwo korohereza abakoresha Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, Minisiteri y'Ubutabera yasanze ari ngombwa guhuriza hamwe izi mpinduka zose zabaye ku Itegeko Nshinga ryo ku wa 04 Kamena 2003.

Bityo, uku guhuriza hamwe Itegeko Nshinga n'amavugururura yarikozweho bikaba bifite inyungu yo kugira inyandiko y'Itegeko Nshinga ribumbiye hamwe yoroshye gukoresha kurusha kwitabaza Amagazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda uko ari atanu.

Ako gatabo ni ako gukoresha umunsi ku wundi. Ntigasimbura Itegeko Nshinga nk'uko ryagiye ritanganzwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Tharcisse KARUGARAMA**

**Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta**

State organs.

In order to make it easy for the users of the Constitution of the Republic of Rwanda, the Ministry of Justice put special emphasis on consolidating different constitutional provisions into one instrument, which incorporated all changes made to the Constitution of 4th June 2003.

In that regard, this consolidation of the Constitution and its amendments shall have a clear benefit of having one consolidated instrument which is easier to use compared to having the Constitution and its amendments in five separate Official Gazettes of the Republic of Rwanda.

The booklet serves for day to day use. In any way, it shall not replace the Constitution as it has been previously published in Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Tharcisse KARUGARAMA**

**Minister of Justice/Attorney General**

officiers de poursuite judiciaire ainsi que l'appellation de certains organes de l'Etat.

Etant donné que la lecture des dispositions constitutionnelles éparses n'est pas aisée pour les utilisateurs de ce texte, le Ministère de la Justice a procédé à la coordination de cet important texte en un document unique, en incorporant les dernières révisions susmentionnées dans le texte initial de la Constitution du 04 juin 2003.

Ainsi cette coordination de la Constitution et ses révisions aura le mérite certain de mettre à la disposition des usagers un texte unique d'usage facile au lieu et place de cinq diffèrent Journaux Officiels de la République du Rwanda.

Le livret est d'usage courant. Il ne remplace pas la Constitution tel qu'elle a été auparavant publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Tharcisse KARUGARAMA**

**Ministre de la Justice / Garde des Sceaux**

**Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 (*Igazeti ya Leta* n° idasanzwe yo ku wa 4 Kamena 2003)**

**Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga n° 01 ryo ku wa 02 Ukuboza 2003 (*Igazeti ya Leta* n° idasanzwe yo ku wa 2 Ukuboza 2003)**

**Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga n° 02 ryo ku wa 08 Ukuboza 2005 (*Igazeti ya Leta* n° idasanzwe yo ku wa 8 Ukuboza 2005)**

**Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga n° 03 ryo ku wa 13 Kanama 2008 (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 13 Kanama 2008)**

**Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga n° 04 ryo ku wa 17 Kamena 2010 (Igazeti ya Leta n° idasanzwe yo ku wa 17 Kamena 2010)**

**IRANGASHINGIRO**

**Twebwe, Abanyarwanda,**

1.Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe ikanashyirishwa mu bikorwa n'abayobozi babi n'abandi bose bayigizemo uruhare, igahitana abana b'u Rwanda barenga miliyoni ;

2.Twiyemeje kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose, ndetse no kurandura burundu amacakubiri ashingiye ku moko, ku turere n'andi macakubiri ayo ari yo yose;

3.Twiyemeje kurwanya ubutegetsi bw'igitugu dushyiraho inzego za demokarasi n'abayobozi twihitiyemo nta gahato ;

4. Dushimangiye ko ari ngombwa kubumbatira no guharanira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda bwashegeshwe na jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo ;

5.Tuzirikanye ko amahoro n'ubumwe bw'Abanyarwanda ari byo nkingi ikomeye y'amajyambere

**Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 (*O.G.* special number of 4 June 2003)**

**Constitutional Amendment n° 01 of 2 December 2003 (*O.G.* special number of 2 December 2003)**

**Constitutional Amendment n° 02 of 8 December 2005 (*O*.G special number of 8 December 2005)**

**Constitutional Amendment n° 03 of 13 August 2008 (O.G. special number of 13 August 2008)**

**Constitutional Amendment n° 04 of 17 June 2010 (O.G. special of 17 June 2010)**

**PREAMBLE**

**We, the People of Rwanda,**

1. In the wake of the genocide against the Tutsi that was organised and supervised by unworthy leaders and other perpetrators and that decimated more than a million sons and daughters of Rwanda;

2.Resolved to fight the ideology of genocide and all its manifestations and to eradicate ethnic, regional and any other form of divisions;

3.Determined to fight dictatorship by putting in place democratic institutions and leaders freely elected by ourselves;

4. Emphasizing on the necessity to strengthen and promote national unity and reconciliation which were seriously shaken by the genocide against the Tutsi and its consequences;

5.Conscious that peace and unity of Rwandans constitute the essential basis for national economic

**Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 (J.O. n° spécial du 04 juin 2003)**

**Révision Constitutionnelle n° 01 du 02 décembre 2003 (*J.O.* n° spécial du 02 décembre 2003)**

**Révision Constitutionnelle n° 02 du 08 décembre 2005 (*J.O.* n° spécial du 08 décembre 2005)**

**Révision Constitutionnelle n° 03 du 13 août 2008 (J.O. n° spécial du 13 août 2008)**

**Révision constitutionnelle n° 04 du 17 juin 2010 (J.O. n° spécial du 17 juin 2010)**

**PREAMBULE**

**Nous, Peuple Rwandais**,

1. Au lendemain du génocide perpétré contre les Tutsi, planifié et supervisé par des dirigeants indignes et autres auteurs, et qui a décimé plus d'un million de filles et fils du Rwanda ;

2. Résolus à combattre l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations ainsi qu'à éradiquer les divisions ethniques, régionales et de toute autre forme;

3.Décidés à combattre la dictature en mettant en place des institutions démocratiques et des autorités librement choisies par nous-mêmes;

4.Soulignant la nécessité de consolider et promouvoir l'unité et la réconciliation nationales durement ébranlées par le génocide perpétré contre les Tutsi et ses conséquences ;

5.Conscients que la paix et l'unité des Rwandais constituent le fondement essentiel du

y'Igihugu n'iterambere ry'Abanyarwanda ;

6.Twiyemeje kubaka Leta igendera ku mategeko, ishingiye ku iyubahiriza ry'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize, ubworoherane no gukemura ibibazo binyuze mu mushyikirano ;

7. Dushingiye ku mahirwe dufite yo kugira Igihugu kimwe, ururimi rumwe, umuco umwe n'amateka maremare dusangiye bigomba gutuma tugira imyumvire imwe y'aho tugana ;

8. Tumaze kubona ko ari ngombwa gushaka mu mateka yacu amaze imyaka amagana imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igomba gushingirwaho kugira ngo Igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure ;

9. Twongeye guhamya ko twiyemeje gukurikiza amahame y'uburenganzira bwa Muntu nk'uko ateganywa n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo ku wa 26 Kamena 1945, Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 9 Ukuboza 1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cya jenoside, Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganiza bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivanguramoko iryo ari ryo ryose yo ku wa 21 Ukuboza 1965, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganiza mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 19 Ukuboza 1966, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19 Ukuboza 1966, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore yo ku wa 1 Gicurasi 1980, Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu

development and social progress;

6.Resolved to build a State governed by the rule of law, based on respect for fundamental human rights, pluralistic democracy, equitable power sharing, tolerance and resolution of issues through dialogue;

7. Considering that we enjoy the privilege of having one country, a common language, a common culture and a long shared history which ought to lead to a common vision of our destiny;

8. Considering that it is necessary to draw from our centuries-old history the positive values which characterized our ancestors that must be the basis for the existence and flourishing of our Nation ;

9. Reaffirming our adherence to the principles of human rights enshrined in the United Nations Charter of 26 June 1945, the Convention on the Prevention and Punishment of the crime of Genocide of 9 December 1948, the Universal Declaration of Human Rights of 10 December 1948, the International Convention on the Elimination of All forms of Racial Discrimination of 21 December 1965, the International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of 19 December 1966, the International Covenant on Civil and Political Rights of 19 December 1966, the Convention on the Elimination of all Forms of Discrimination against Women of 1 May 1980, the African Charter of Human and Peoples' Rights of 27 June 1981 and the Convention on the Rights of the Child of 20 November 1989;

développement économique et du progrès social du pays;

6. Résolus à bâtir un Etat de droit fondé sur le respect des libertés et droits fondamentaux de la personne, la démocratie pluraliste, le partage équitable du pouvoir, la tolérance et la résolution des problèmes par le dialogue;

7. Considérant que nous avons le privilège d'avoir un même pays, une même langue, une même culture et une longue histoire commune qui doivent nous conduire à une vision commune de notre destin;

8. Considérant qu'il importe de puiser dans notre histoire multiséculaire les valeurs positives qui ont guidé nos ancêtres et indispensables à l'existence et à l'épanouissement de notre Nation ;

9. Réaffirmant notre attachement aux principes des droits de la personne humaine tels qu'ils ont été définis par la Charte des Nations Unies du 26 juin 1945, la Convention des Nations Unies du 9 décembre1948 relative à la prévention et à la répression du crime du génocide, la Déclaration universelle des droits de l'homme du 10 décembre 1948, la Convention contre toutes formes de discrimination raciale du 21 décembre 1965, le Pacte International relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 19 décembre 1966, le Pacte International relatif aux droits civils et politiques du 19 décembre 1966, la Convention sur l'Elimination de toute les formes de Discrimination à l'égard des femmes du 1 mai 1980, la Charte africaine de droits de l'homme et des peuples du 27 juin 1981 et la Convention relative aux droits de l'enfant du 20 novembre 1989 ;

n'ubw'Abaturage yo ku wa 27 Kamena 1981 n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989;

10. Twiyemeje guharanira ko haba uburenganzira bungana mu Banyarwanda no hagati y'Abagore n'Abagabo bitabangamiye amahame y'uburinganire n'ubwuzuzanye bwabo mu iterambere ry'Igihugu ;

11. Twiyemeje guharanira kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi, kurwanya ubujiji, guteza imbere ikoranabuhanga no guharanira amajyambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda;

12. Tumaze kubona ko nyuma y'igihe cy'inzibacyuho, u Rwanda rugomba kugengwa n'Itegeko Nshinga rigizwe n'ibitekerezo byatanzwe n'Abanyarwanda ubwabo ;

Twemeje muri referendumu iri Tegeko Nshinga kandi ni ryo tegeko risumba ayandi muri Repubulika y'u Rwanda:

**INTERURO YA MBERE: IBYEREKEYE LETA N'INKOMOKO Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere:**
Leta y'u Rwanda ni Repubulika yigenga kandi ubutegetsi bwose ni yo buturukaho, ishingiye kuri demokarasi, igamije guteza imbere abaturage, kandi ntishingiye ku idini.

Ishingiro rya Repubulika ni « ubutegetsi bwa rubanda, butangwa na rubanda kandi bukorera rubanda ».

**Ingingo ya 2:**
Ubutegetsi bwose bukomoka ku mbaga y'Abanyarwanda.

Nta gice cy'Abanyarwanda cyangwa se umuntu ku giti cye ushobora kwiha ubutegetsi.

10. Committed to ensuring equal rights between Rwandans and between women and men without prejudice to the principles of gender equality and complementarity in national development;

11. Determined to develop human resources, to fight ignorance, to promote technological advancement and the social welfare of the people of Rwanda;

12. Considering that after the Transition period, Rwanda shall be governed by a Constitution comprising ideas expressed by Rwandans themselves;

Now hereby adopt, by referendum, this Constitution as the supreme Law of the Republic of Rwanda:

**TITLE ONE: THE STATE AND NATIONAL SOVEREIGNTY**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One:**
The Rwandan State is an independent, sovereign, democratic, social and secular Republic;

The principle governing the Republic is "government of the people, by the people and for the people".

**Article 2:**
All the power derives from the people.

No group of Rwandan people or an individual can vest in themselves the exercise of power.

10. Engagés à assurer l'égalité des droits entre les Rwandais et entre les hommes et les femmes, sans porter préjudice au principe de l'approche « gender » et à la complémentarité pour le développement national ;

11. Décidés à assurer le développement des ressources humaines, à lutter contre l'ignorance, à promouvoir la technologie, le progrès et le bien-être social de la population rwandaise;

12. Considérant qu'au terme de la période de transition, le Rwanda doit se doter d'une Constitution issue des choix exprimés par les Rwandais eux-mêmes;

Adoptons par référendum la présente Constitution qui est la loi suprême de la République du Rwanda :

**TITRE PREMIER: DE L'ETAT ET DE LA SOUVERAINETE NATIONALE**

**CHAPITRE PREMIER: DES DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier:**
L'Etat Rwandais est une République indépendante, souveraine, démocratique, sociale et laïque.

Le principe de la République est "le gouvernement du peuple, par le peuple et pour le peuple".

**Article 2 :**
Tout pouvoir émane du peuple.

Aucune partie du peuple rwandais ni aucun individu ne peut s'en attribuer l'exercice.

Ubutegetsi bw'Igihugu ni ubw'imbaga y'Abanyarwanda, bakoresha ubwabo binyuze muri referendumu cyangwa binyuze ku babahagarariye.

**Ingingo ya 3** ***(Ivugururwa n° 02 ryo ku wa 08/12/2005)***

Igihugu cy'u Rwanda kigabanyijemo Inzego z`Imitegekere y'Igihugu zigenwa n'itegeko ngenga kandi rikanashyiraho umubare, imbibi n'imiterere yazo.

Itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'izo nzego.

**Ingingo ya 4:**
Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda ni Umujyi wa Kigali.

Itegeko rigena, imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali**.**

Umurwa Mukuru ushobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n' itegeko.

**Ingingo ya 5:**
Ururimi rw' Igihugu ni Ikinyarwanda.

Indimi zikoreshwa mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza.

**Ingingo ya 6**
Ibiranga Igihugu cy'u Rwanda ni ibendera, intego, ikirango cya Repubulika n'indirimbo y'Igihugu.

Ibendera ry'Igihugu rigizwe n'amabara atatu: icyatsi kibisi, umuhondo n'ubururu.

Ibendera rigizwe n'amabara akurikira uvuye hasi uzamuka: habanza ibara ry'icyatsi kibisi, rikurikirwa n'ibara ry'umuhondo, kandi ayo mabara yombi yihariye icya kabiri cy'ibendera ryose. Igice cya kabiri cyo hejuru kigizwe n'ibara ry'ubururu rishushanyijwemo izuba n'imirasire yaryo y'ibara ry'umuhondo wa

National sovereignty belongs to rwandans who shall exercise it directly by way of referendum or through their representatives.

**Article 3** ***(Amendment n° 02 of 08/12/2005)***

The Territory of Rwanda is divided into administrative entities determined by an Organic Law which determines their number, their boundaries and their organisation

A Law shall determine the organisation and the functioning of those entities.

**Article 4:**
The Capital of the Republic of Rwanda is the City of Kigali.

A Law shall determine the organization and functioning of the City of Kigali.

The Capital can, by Law, be transferred elsewhere within Rwanda.

**Article 5:**
The national language is Kinyarwanda.

The official languages are Kinyarwanda, French and English.

**Article 6:**
The national symbols of Rwanda are the flag, the motto, the seal and the national anthem.

The national flag is made up of three colours: green, yellow and blue.

The flag comprises the following colours from the bottom to the top: a green strip, followed by a yellow strip both of which cover half the flag. The upper half is blue and bears on its right hand side the image of the sun with its rays of golden yellow. The sun and its rays are separated by a blue ring.

La souveraineté nationale appartient au peuple rwandais qui l'exerce directement par la voie du référendum ou par ses représentants.

**Article 3** ***(Révision n° 02 du 08/12/2005)***

Le territoire national est divisé en entités administratives établies par une loi organique qui fixe en outre leur nombre, leurs limites et leurs structures.

Une loi fixe l'organisation et le fonctionnement de ces Entités.

**Article 4:**
La Capitale de la République du Rwanda est la Ville de Kigali.

Une loi détemine l'organisation et le fonctionnement de la Ville de Kigali.

Une loi peut transferer la Capitale ailleurs sur le territoire national.

**Article 5:**
La langue nationale est le Kinyarwanda.

Les langues officielles sont le Kinyarwanda, le Français et l'Anglais.

**Article 6:**
Les symboles nationaux sont le drapeau, la devise, le sceau et l'hymne national.

Le drapeau national est formé de trois couleurs: le vert, le jaune et le bleu.

Le drapeau est constitué, de bas en haut, d'une bande de couleur verte, suivie d'une bande de couleur jaune qui couvrent la moitié du drapeau. La moitié supérieure est de couleur bleue portant dans sa partie droite l'image du soleil avec ses rayons de couleur jaune dorée. Le soleil et ses rayons sont séparés par un anneau bleu.

zahabu riri ku ruhande rw'iburyo. Iryo zuba n'imirasire yaryo bitandukanyijwe n'uruziga rw'ibara ry'ubururu.

Itegeko rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'ibendera ry'Igihugu.

Intego ya Repubulika ni: UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU.

Ikirango cya Repubulika kigizwe n'uruziga rw'icyatsi kibisi n'ipfundo ry'umugozi w'iryo bara upfunditse hasi, ahagana hejuru hakabamo inyandiko « REPUBULIKA Y'U RWANDA ». Munsi y'ipfundo handitse amagambo agize intego ya Repubulika « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». Izo nyandiko zose zanditse mu nyuguti z'umukara ku ibara ry'umuhondo.

Ikirango cya Repubulika kigizwe kandi n'amashusho akurikira: izuba, imirasire yaryo, ishaka n'ikawa, agaseke, uruziga rw'ubururu rufite amenyo n'ingabo ebyiri, imwe iri iburyo indi iri ibumoso.

Imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'uburinzi by'ibirango bishyirwaho n'itegeko.

Indirimbo y'Igihugu ni:" RWANDA NZIZA".

Imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu biteganywa n'Itegeko.

**Ingingo ya 7 :**
Buri muntu afite uburenganzira ku bwenegihugu.

Ubwenegihugu burenze bumwe buremewe.

Ntawe ushobora kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko.

Ntawe ushobora kuvutswa ubwenegihugu bwe cyangwa

A Law shall determine the characteristics, significance, usage and ceremonials of the national flag.

The motto of the Republic is: UNITY, WORK, PATRIOTISM.

The Seal of the Republic is made up of a circular green rope with a green knot at the base, bearing on its upper part, the imprints « REPUBULIKA Y'U RWANDA ». At the bottom of the knot is the motto of the Republic: « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». All these inscriptions are in black against a yellow background.

The Seal of the Republic also bears the following ideograms: the sun with its rays, a stem of sorghum and a branch of a coffee tree, a basket, a blue wheel with teeth and two shields one on the right and one on the left.

The characteristics, significance, usage and protection of the Seal shall be determined by a Law.

The national anthem is "RWANDA NZIZA".

The characteristics and ceremonies of the National Anthem shall be determined by a Law.

**Article 7:**
Every person has a right to nationality.

Dual nationality is permitted.

No person may be deprived of Rwandan nationality of origin.

No person shall be arbitrarily deprived of his or her nationality or

Une loi définit les caractéristiques, les significations, l'usage et le cérémonial du drapeau national.

La devise de la République est: UNITE, TRAVAIL, PATRIOTISME.

Le sceau de la République est formé d'une corde verte en cercle avec un nœud de même couleur vers le bas et portant, à sa partie supérieure, les mentions «REPUBULIKA Y'U RWANDA». En bas du nœud se trouvent les mentions de la devise de la République «UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU». Toutes ces mentions sont écrites en noir sur un fond jaune.

Le sceau de la République porte également les idéogrammes suivants : le soleil avec ses rayons, une tige de sorgho et une branche de caféier, un panier, une roue dentée de couleur bleue et deux boucliers l'un à droite, l'autre à gauche.

Les caractéristiques, les significations, l'utilisation et la garde des sceaux sont définies par une loi.

L'hymne national est: "RWANDA NZIZA".

Les caractéristiques et le cérémonial de l'hymne national sont déterminés par une loi.

**Article 7:**
Toute personne a droit à la nationalité.

La double nationalité est permise.

La nationalité rwandaise d'origine ne peut être retirée.

Nul ne peut être arbitrairement privé de sa nationalité ni du droit de

uburenganzira bwo guhindura ubwenegihugu ku buryo bunyuranyije n'amategeko.

Abanyarwanda cyangwa ababakomokaho bavukijwe ubwenegihugu bw'u Rwanda hagati y'itariki ya 1 Ugushyingo 1959 n'iya 31 Ukuboza 1994 kubera guhabwa ubwenegihugu bw'amahanga basubirana batagombye kubisaba ubwenegihugu iyo bagarutse gutura mu Rwanda.

Abantu bose bakomoka mu Rwanda n'ababakomokaho bafite uburenganzira bwo guhabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda, iyo babisabye.

Ibigomba gushingirwaho mu guhabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda, kubugumana, kubukoresha no kubutakaza bigenwa n'itegeko ngenga.

**Ingingo ya 8:**
Itora ni uburenganzira bw'abenegihugu bose ku buryo bungana.

Itora rikorwa mu buryo butaziguye cyangwa buziguye kandi mu ibanga, keretse iyo Itegeko Nshinga cyangwa irindi tegeko biteganya ubundi buryo.

Abanyarwanda bose, b'ibitsina byombi, bujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa.

Itegeko rigena ibigomba kubahirizwa n'uburyo bukoreshwa mu matora.

**UMUTWE WA II : IBYEREKEYE AMAHAME REMEZO**

**Ingingo ya 9:**
Leta y' u Rwanda yiyemeje kugendera ku mahame remezo akurikira no gutuma yubahirizwa:

1. kurwanya ingengabitekerezo ya

of the right to change nationality.

Rwandans or their descendants who were deprived of their nationality between 1st November 1959 and 31 December 1994 by reason of acquisition of foreign nationalities automatically reacquire Rwandan nationality if they return to settle in Rwanda.

All persons originating from Rwanda and their descendants shall, upon their request, be entitled to Rwandan nationality.

The conditions of acquisition, retention, enjoyment and deprivation of Rwandan nationality shall be determined by an Organic Law.

**Article 8:**
Suffrage is universal and equal for all citizens.

Suffrage is direct or indirect and secret, unless the Constitution or another Law provides otherwise.

All Rwandan citizens of both sexes who fulfil the requirements provided for by the law have the right to vote and to be elected.

A Law shall determine the conditions and modalities for the conduct of elections.

**CHAPTER II : FUNDAMENTAL PRINCIPLES**

**Article 9:**
The State of Rwanda commits itself to conform to the following fundamental principles and to promote and enforce the respect thereof:

1. fighting the ideology of

changer de nationalité.

Les Rwandais ou leurs descendants qui, entre le 1er novembre 1959 et le 31 décembre 1994, ont perdu la nationalité rwandaise suite à l'acquisition d'une nationalité étrangère sont d'office réintégrés dans la nationalité rwandaise s'ils reviennent s'installer au Rwanda.

Les personnes d'origine rwandaise et leurs descendants ont le droit d'acquérir la nationalité rwandaise, s'ils le demandent.

Les conditions d'acquisition, de conservation, de jouissance et de perte de la nationalité rwandaise sont définies par une loi organique.

**Article 8:**
Le suffrage est universel et égal pour tous les citoyens.

Le suffrage est direct ou indirect et secret sauf si la Constitution ou une autre loi en dispose autrement.

Tous les citoyens rwandais des deux sexes qui remplissent les conditions légales, ont le droit de voter et d'être élus.

Une loi détermine les conditions et les modalités des consultations électorales.

**CHAPITRE II: DES PRINCIPES FONDAMENTAUX**

**Article 9:**
L'Etat Rwandais s'engage à se conformer aux principes fondamentaux suivants et à les faire respecter :

1. lutte contre l'idéologie du

jenoside n'ibyo igaragariramo byose;

2. kurandurana n'imizi amacakubiri ashingiye ku bwoko, akarere n'ibindi no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;

3. gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;

4. kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo, ibyo bigashimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;

5. kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo;

6. gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

genocide and all its manifestations;

2. eradication of ethnic, regional and other divisions and promotion of national unity;

3. equitable sharing of power;

4. building a state governed by the rule of law, a pluralistic democratic government, equality of all Rwandans and between women and men reflected by ensuring that women are granted at least thirty per cent of posts in decision making organs;

5. building a State committed to promoting social welfare and establishing appropriate mechanisms for ensuring social justice;

6. the constant quest for solutions through dialogue and consensus.

génocide et toutes ses manifestations ;

2. éradication des divisions ethniques, régionales et autres et la promotion de l'unité nationale;

3. partage équitable du pouvoir;

4. édification d'un Etat de droit et du régime démocratique pluraliste, l'égalité de tous les Rwandais et l'égalité entre les femmes et les hommes reflétée par l'attribution d'au moins trente pour cent des postes aux femmes dans les instances de prise de décision ;

5. édification d'un Etat voué au bien-être de la population et à la justice sociale ;

6. recherche permanente du dialogue et du consensus.

## INTERURO YA II : IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'IBANZE BWA MUNTU, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMWENEGIHUGU

## TITLE II: FUNDAMENTAL HUMAN RIGHTS AND RIGHTS AND DUTIES OF THE CITIZEN

## TITRE II: DES DROITS FONDAMENTAUX DE LA PERSONNE ET DES DROITS ET DEVOIRS DU CITOYEN

### UMUTWE WA MBERE *:* IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'IBANZE BWA MUNTU

### CHAPTER ONE : FUNDAMENTAL HUMAN RIGHTS

### CHAPITRE PREMIER: DES DROITS FONDAMENTAUX DE LA PERSONNE

**Ingingo ya 10 :**
Umuntu ni umunyagitinyiro kandi ni indahungabanywa.

Leta n'izindi nzego z'ubutegetsi zifite inshingano ndakuka zo kumwubaha, kumurinda no kumurengera.

**Article 10:**
The human person is sacred and inviolable.

The State and all public administration organs have the absolute obligation to respect protect and defend him or her.

**Article 10:**
La personne humaine est sacrée et inviolable.

L'Etat et tous les pouvoirs publics ont l'obligation absolue de la respecter, de la protéger et de la défendre.

**Ingingo ya 11 :**
Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana.

Ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye nko ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, rirabujijwe kandi rihanwa n'amategeko.

**Ingingo ya 12 :**
Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho. Ntawe ushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

**Ingingo ya 13 :**
Icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara ntibisaza.

Guhakana no gupfobya jenoside bihanwa n'itegeko.

**<u>Ingingo ya 14 :</u> Imibereho y'abasizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi n'iy'abandi batishoboye**
***(Ivugururwa* n° 03 *ryo ku wa 13/08/2008)***
Leta, mu bushobozi bwayo, iteganya ibikorwa byihariye bigamije imibereho myiza y'abasizwe iheruheru na jenoside yakorewe Abatutsi yabaye mu Rwanda kuva ku wa 1 Ukwakira 1990 kugeza ku wa 31 Ukuboza 1994, abantu bafite ubumuga, abatindi nyakujya, abageze mu zabukuru n'abandi batagira kivurira.

**Ingingo ya 15:**
Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe.

Ntawe ushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri,

**Article 11:**
All Rwandans are born and remain free and equal in rights and duties.

Discrimination of whatever kind based on, inter alia, ethnic origin, tribe, clan, colour, sex, region, social origin, religion or faith, opinion, economic status, culture, language, social status, physical or mental disability or any other form of discrimination is prohibited and punishable by Law.

**Article 12:**
Every person has the right to life. No person shall be arbitrarily deprived of life.

**Article 13:**
The crime of genocide, crimes against humanity and war crimes are not subject to prescriptive period.

Revisionism, negationism and trivialisation of genocide are punishable by the Law.

**<u>Article 14</u>: Welfare of victims of genocide against the Tutsi and other needy persons**
**(*Amendment* n° 03 *of 13/08/2008)***

The State shall, within the limits of its capacity, take special measures for the welfare of the survivors who were rendered destitute by genocide against the Tutsi committed in Rwanda from October 1st, 1990 to December 31st, 1994, the disabled, the indigent and the elderly as well as other vulnerable groups.

**Article 15:**
Every person has the right to physical and mental integrity.

No one shall be subjected to torture, physical abuse or cruel, inhuman or

**Article 11:**
Tous les Rwandais naissent et demeurent libres et égaux en droits et en devoirs.

Toute discrimination fondée notamment sur la race, l'ethnie, le clan, la tribu, la couleur de la peau, le sexe, la région, l'origine sociale, la religion ou croyance, l'opinion, la fortune, la différence de cultures, de langue, la situation sociale, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination est prohibée et punie par la loi.

**Article 12:**
Toute personne a droit à la vie. Nul ne peut être arbitrairement privé de la vie.

**Article 13:**
Le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre sont imprescriptibles.

Le révisionnisme, le négationnisme et la banalisation du génocide sont punis par la loi.

**<u>Article 14</u>: Bien-être des victimes du génocide perpétré contre les Tutsi et des autres personnes les plus nécessiteuses**
***(Révision* n° 03 *du 13/08/2008)***

L'Etat, dans les limites de ses capacités, prend des mesures spéciales pour le bien-être des rescapés démunis à cause du génocide perpetré contre les Tutsi commis au Rwanda du 1er octobre 1990 au 31 décembre 1994, des personnes handicapées, des personnes sans ressources, des personnes âgées ainsi que d'autres personnes vulnérables.

**Article 15:**
Toute personne a droit à son intégrité physique et mentale.

Nul ne peut faire l'objet de torture, de sévices, ou de traitements cruels,

cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by' ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

Ntawe ushobora gukorerwaho igerageza atabyiyemereye. Uburyo bwo kubyemera kimwe n'ubw'iryo gerageza bugenwa n'itegeko.

**Ingingo ya 16 :**
Abantu bose barangana imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe nta vangura iryo ari ryo ryose.

**Ingingo ya 17 :**
Uburyozwacyaha ni gatozi ku wakoze icyaha. Kuryozwa indishyi bigengwa n'itegeko.

Ntawe ushobora gufungirwa kutubahiriza inshingano zishingiye ku mategeko mbonezamubano cyangwa ay'ubucuruzi.

**Ingingo ya 18 :**
Ubwisanzure bwa muntu bwubahirizwa na Leta.

Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe.

Kumenyeshwa imiterere n'impamvu z'icyaha ukurikiranyweho, kwiregura no kunganirwa ni uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, ahantu hose, mu nzego zose z'ubutegetsi, iz'ubucamanza n'izindi zose zifata ibyemezo.

**Ingingo ya 19:**
Umuntu wese afatwa nk'umwere ku cyaha aregwa igihe cyose kitaramuhama burundu mu buryo bukurikije amategeko, mu rubanza rwabereye mu ruhame kandi ruboneye, yahawe uburyo bwose bwa ngombwa bwo kwiregura.

Ntawe ushobora kuvutswa kuburanira imbere y'umucamanza

degrading treatment.

No one shall be subjected to experimentation without his/her informed consent. The modalities of such consent and experiments are determined by Law.

**Article 16:**
All human beings are equal before the law. They shall enjoy, without any discrimination, equal protection of the Law.

**Article 17:**
Criminal liability is personal. Civil liability is determined by a Law.

No one shall be imprisoned on the ground of inability to fulfil obligations arising from civil or commercial Laws.

**Article 18:**
The person's liberty is guaranteed by the State.

No one shall be subjected to prosecution, arrest, detention or punishment unless provided for by laws into force at the time the offence was committed.

The right to be informed of the nature and cause of charges and the right to defence are absolute at all levels and degrees of proceedings before administrative, judicial and all other decision making organs.

**Article 19:**
Every person accused of a crime shall be presumed innocent until his or her guilt has been conclusively proved in accordance with the law in a public and fair trial in which all the necessary guarantees for defence have been made available.

No one shall be denied the right to appear before a competent judge to

inhumains ou dégradants.

Nul ne peut faire l'objet d'expérimentation sans son consentement. Les modalités de ce consentement et de cette expérimentation sont régies par la loi.

**Article 16:**
Tous les êtres humains sont égaux devant la loi. Ils ont droit, sans aucune distinction, à une égale protection par la loi.

**Article 17:**
La responsabilité pénale est personnelle. La responsabilité civile est définie par la loi.

Nul ne peut être détenu pour non exécution d'obligations d'ordre civil ou commercial.

**Article 18:**
La liberté de la personne est garantie par l'Etat.

Nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné que dans les cas prévus par la loi en vigueur au moment de la commission de l'acte.

Etre informé de la nature et des motifs de l'accusation, le droit de la défense sont les droits absolus à tous les états et degrés de la procédure devant toutes les instances administratives et judiciaires et devant toutes les autres instances de prise de décision.

**Article 19:**
Toute personne accusée d'une infraction est présumée innocente jusqu'à ce que sa culpabilité soit légalement et définitivement établie à l'issue d'un procès public et équitable au cours duquel toutes les garanties nécessaires à sa défense lui auront été accordées.

Nul ne peut être distrait, contre son gré, du juge que la loi lui assigne.

itegeko rimugenera.

**Ingingo ya 20: Kudakurikizwa kw'itegeko mpanabyaha ku byaha byakozwe ritarajyaho** *(Ivugururwa nº 04 ryo ku wa 17/06/2010)*

Ntawe ushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'Igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga.

Ntawe ushobora guhanishwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha.

Ibyaha n'ibihano bijyanye na byo biteganywa n'itegeko ngenga.

**Ingingo ya 21:**
Ntawe ushobora gukorerwa ubugenzurwe keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko, kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange ry'abaturage cyangwa ku mutekano w'Igihugu.

**Ingingo ya 22:**
Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe, ubutumwa yohererezanya n'abandi ntibishobora kuvogerwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko; icyubahiro n'agaciro ke mu maso y'abandi bigomba kubahirizwa.

Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa. Ntihashobora gukorwa isakwa mu rugo cyangwa kurwinjiramo kubera impamvu z'igenzura nyirarwo atabyemeye, keretse mu bihe no mu buryo biteganyijwe n'amategeko.

Ibanga ry'amabaruwa n'iry'itumanaho ntirishobora kuzitirwa keretse mu bihe no mu buryo biteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 23 :**
Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ari ho hose mu

hear his/her case.

**Article 20: Non retroactivity of criminal law** *(Amendment nº 04 of 17/06/2010)*

No one shall be subjected to prosecution, arrest, detention or punishment on account of any act or omission which did not constitute a criminal offence under national or international law at the time it was committed.

No one shall be punished with a heavier penalty than the one that was prescribed under the Law at the time when the offence was committed.

Offences and related penalties shall be determined by an Organic Law.

**Article 21:**
No person shall be subjected to security measures except as provided for by Law, for reasons of public order and State security.

**Article 22:**
The private life, family, home or correspondence of a person shall not be subjected to arbitrary interference; his/her honour and good reputation shall be respected.

A person's home is inviolable. No search of or entry into a home may be carried out without the consent of the owner, except in circumstances and in accordance with procedures determined by Law.

Confidentiality of correspondence and communication shall not be subject to waiver except in circumstances and in accordance with procedures determined by Law.

**Article 23:**
Every Rwandan has the right to move and to circulate freely and to settle anywhere in Rwanda.

**Article 20: Non rétroactivité de la loi pénale** *(Révision nº 04 du 17/06/2010)*

Nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné pour des actions ou omissions qui ne constituaient pas une infraction d'après le droit national ou international au moment où elles ont été commises.

Nul ne peut être infligé d'une peine plus forte que celle qui était prévue par la loi au moment où l'infraction a été commise.

Les infractions et les peines y afférentes sont déterminées par une loi organique.

**Article 21:**
Nul ne peut être soumis à des mesures de sûreté que dans les cas et selon les formes prévus par la loi, pour des raisons d'ordre public ou de sécurité de l'Etat.

**Article 22:**
Nul ne peut faire l'objet d'immixtion arbitraire dans sa vie privée, sa famille, son domicile ou sa correspondance ; son honneur et sa réputation doivent être respectés.

Le domicile d'une personne est inviolable. A défaut de son consentement, nulle perquisition ou visite domiciliaire ne peut être ordonnée que dans les cas et selon les formes prévus par la loi.

Le secret de la correspondance et de la communication ne peut faire l'objet de dérogation que dans les cas et les formes prévus par la loi.

**Article 23:**
Tout citoyen rwandais a le droit de se déplacer et de se fixer librement sur le territoire national.

Rwanda.

Buri Munyarwanda afite uburenganzira bwo kuva mu gihugu n'ubwo kukigarukamo.

Ubwo burenganzira buzitirwa gusa n'itegeko ku mpamvu z'ituze rusange ry'abaturage n'umutekano w'Igihugu, kugira ngo icyahungabanya abaturage gikumirwe cyangwa abari mu kaga barengerwe.

**Ingingo ya 24:**
Buri Munyarwanda afite uburenganzira ku Gihugu cye.

Nta Munyarwanda ushobora gucibwa mu Gihugu cye.

**Ingingo ya 25:**
Uburenganzira bwo guhabwa ubuhungiro bwemewe mu buryo buteganywa n'amategeko.

Kohereza ikindi gihugu abanyamahanga bakoze ibyaha, byemewe gusa iyo bikurikije amategeko cyangwa amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye.

Ariko nta Munyarwanda ushobora koherezwa ikindi gihugu kimukurikiranyeho icyaha.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Ugushyingiranwa**
***(Ivugururwa* n° 03 *ryo ku wa 13/08/2008)***

Ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ni ko kwemewe.

Icyakora, ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu mahanga mu buryo bwemewe n'Amategeko y'Igihugu basezeraniyemo kuremewe.

Ntawe ushobora gushyingirwa atabyemeye ku bushake bwe, yaba uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo.

Abashyingiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranywa, igihe

Every Rwandan has the right to leave and to return to the country.

These rights shall be restricted only by the law for reasons of public order or State security, in order to deal with a public menace or to protect persons in danger.

**Article 24:**
Every Rwandan has the right to his/her country.

No Rwandan shall be banished from the country.

**Article 25:**
**Article 113: Arrêtés signés par le Président de la République**
***(Révision n˚ 04 du 17/06/2010)***

Le Président de la République signe les arrêtés présidentiels approuvés en Conseil des Ministres concernant :

1° le droit de grâce;

2° émission de la monnaie nationale;

3° les décorations dans les Ordres Nationaux et décorations honorifiques ;

4° l'exécution des lois lorsqu'il en est chargé ;

| | | |
|---|---|---|
| 5° gushyiraho no kugena inshingano by'inzego z'imirimo za Perezidansi ya Repubulika, iza Sena, iz'Umutwe w'Abadepite n'iz'Urukiko rw'Ikirenga; | 5° establishment and determination of responsibilities of organs of the Office of the President, the Senate, the Chamber of Deputies as well as of the Supreme Court; | 5° la création et la détermination des attributions des services de la Présidence de la République, du Sénat, de la Chambre des Députés ainsi que ceux de la Cour Suprême ; |
| 6° gushyira mu rwego rw'aba Ofisiye abasirikare, abapolisi n'abacungagereza barangije amahugurwa y'ibanze abagira aba Ofisiye; | 6° promotion to the rank of officers, army officers, police officers and prison wardens who have completed their basic course which promotes them to the rank of officers; | 6° la promotion au grade d'officiers, des militaires, policiers et gardiens des prisons qui terminent la formation de base qui les promeut au grade d'officiers ; |
| 7° kuzamura mu ntera no gushyira mu myanya : | 7° promotion and appointment of the following officers: | 7° la promotion et la nomination: |
| a) aba Ofisiye b'Ingabo z'u Rwanda bari ku rwego rwa jenerali; | a) officers of the Rwanda Defence Forces with the rank of General; | a) des officiers généraux des Forces Rwandaises de Défense; |
| b) aba Ofisiye bakuru b'Ingabo z'u Rwanda; | b) senior officers of the Rwanda Defence Forces; | b) des officiers supérieurs des Forces Rwandaises de Défense; |
| c) aba Ofisiye bato b'ingabo z'u Rwanda; | c) junior officers of the Rwanda Defence Forces; | c) des officiers subalternes des Forces Rwandaises de Défense; |
| d) aba Komiseri ba Polisi y'u Rwanda; | d) commissioners of the Rwanda National Police; | d) des commissaires de la Police Nationale du Rwanda; |
| e) aba Ofisiye bakuru ba Polisi y'u Rwanda. | e) senior officers of the Rwanda National Police; | e) des officiers Supérieurs de la Police Nationale du Rwanda. |
| f) aba Ofisiye bato ba Polisi y'u Rwanda; | f) junior officers of the Rwanda National Police; | f) des officiers subalternes de la Police Nationale du Rwanda ; |
| g) aba Ofisiye bakuru b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imicungire ya za Gereza. | g) senior officers of the National Prison Service. | g) les officiers supérieurs du Service National des Prisons. |
| Abandi basirikare, abapolisi n'abacungagereza bashyirwaho bakanazamurwa mu ntera hakurikijwe amategeko abagenga. | Other military and police officers as well as the prison wardens shall be appointed and promoted in accordance with Laws governing them. | Les autres militaires, policiers et autres agents du Service National des Prisons sont nommés et promus conformément aux lois qui les régissent. |
| 8° gushyira no kuvana ku | 8° appointment and removal | 8° la nomination et la |

mirimo abacamanza n'abashinjacyaha bakurikira :

a) Perezida, Visi Perezida n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga ;

b) Perezida na Visi Perezida b'Urukiko Rukuru n'ab'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ;

c) Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije.

9° gushyiraho no kuvanaho abayobozi bakurikira:

a) Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika;

b) Abaguverineri b'Intara;

c) Abakomiseri ba za Komisiyo z'Igihugu, abakuru n'ababungirije b'inzego zihariye za Leta n'ab'ibigo bya Leta ndetse n'ibishamikiye kuri Leta bifite ubuzima gatozi;

d) Abayobozi n'Abayobozi bungirije ba za Kaminuza za Leta n'ab'ibigo by'amashuri makuru ya Leta;

e) Umunyamabanga wihariye wa Perezida wa Repubulika;

f) Abajyanama muri Perezidansi ya Repubulika ;

g) Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga;

h) Abayobozi b'imirimo muri Perezidansi ya Repubulika;

from office of the following judges and prosecutors:

a) the President, Vice President and judges of the Supreme Court;

b) the President and the Vice President of the High Court and the Commercial High Court;

c) the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General.

9° appointment and removal of the following officials:

a) the Director of Cabinet in the Office of the President of the Republic;

b) Governors of Provinces ;

c) Commissioners of National Commissions, heads and their deputies of Government specialized organs, public institutions and parastatal organisations which have legal personality;

d) Rectors and Vice Rectors of Public Universities and institutions of higher learning;

e) the Principal Private Secretary to the President of the Republic;

f) Advisors in the Office of the President;

g) Ambassadors and permanent representatives of Rwanda to international organisations;

h) Heads of services in the Office of the President;

révocation des juges et des procureurs suivants:

a) le Président, le Vice-Président et les juges de la Cour Suprême;

b) le Président et le Vice-Président de la Haute Cour et ceux de la Haute Cour de Commerce ;

c) le Procureur Général et le Procureur Général Adjoint.

9° la nomination et la révocation des autorités suivantes :

a) le Directeur de Cabinet du Président de la République ;

b) les gouverneurs de Provinces;

c) les commissaires des Commissions Nationales, les responsables et leurs adjoints des Organes spécialisés de l'Etat et des Etablissements publics et para-étatiques dotés de la personnalité juridique ;

d) les recteurs et vice-recteurs des Universités et des institutions publiques d'enseignement supérieur;

e) le secrétaire Particulier du Président de la République ;

f) les conseillers à la Présidence de la République ;

g) les ambassadeurs et les représentants permanents auprès des pays étrangers et des organisations internationales ;

h) les chefs de service à la Présidence de la

République ;

i) Abanyamabanga Bakuru mu Nteko Ishinga Amategeko n'ababungirije, Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga, Umunyamabanga Mukuru mu Bushinjyacyaha Bukuru, Abanyamabanga Bahoraho muri za Minisiteri n'Abanyamabanga Bakuru b'izindi nzego za Leta;

j) abandi bayobozi b'inzego za Leta bagenwa n'itegeko;

10° Abagize Inama y'Ubuyobozi mu bigo bya Leta n'abahagarariye Leta mu bigo ifitemo imigabane.

i) Clerks in Parliament and their deputies, Secretary General in Supreme Court, Secretary General in National Public Prosecution Authority, Permanent Secretaries in Ministries and Secretaries General in other public institutions;

j) other Heads of public institutions as the law may determine;

10° members of the Boards of Directors of Public enterprises and Parastatal organizations.

i) les secrétaires généraux du Parlement et leurs adjoints, le secrétaire général de la Cour Suprême, le secrétaire général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire, les secrétaires permanents des ministères et les secrétaires généraux d'autres institutions de l'Etat ;

j) les autres dirigeants des organes de l'Etat déterminés par la loi ;

10° les membres du Conseil d'Administration dans les établissements publics et les représentants de l'Etat dans les sociétés parastatales.

**Ingingo ya 114 :**
Perezida wa Repubulika ahagararira u Rwanda mu mibanire yarwo n'amahanga; ashobora kandi kugena umuhagararira.

Perezida wa Repubulika aha ububasha abahagararira u Rwanda mu bihugu by'amahanga n'intumwa zidasanzwe muri ibyo bihugu.

Abaje guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda n'intumwa zidasanzwe z'amahanga zimushyikiriza inyandiko zibibahera uburenganzira.

**Article 114:**
The President of the Republic shall represent the State of Rwanda in its relations with foreign countries and may appoint persons to represent him/her.

The President of the Republic shall accredit Ambassadors and Special Envoys to foreign states.

Ambassadors accredited to Rwanda and Special Envoys shall present their Credentials to the President of the Republic.

**Article 114:**
Le Président de la République représente l'Etat Rwandais dans ses rapports avec l'étranger et peut se faire représenter.

Le Président de la République accrédite les ambassadeurs et les envoyés spéciaux auprès des pays étrangers.

Les Ambassadeurs et les envoyés extraordinaires étrangers sont accrédités auprès du Président de la Republique.

**Ingingo ya 115 : Ibigenerwa Perezida wa Repubulika**
***(Ivugururwa n° 03 ryo ku wa 13/08/2008)***
Itegeko ngenga riteganya ibigenerwa Perezida wa Repubulika rikanagena ibihabwa Abakuru b'Igihugu bacyuye igihe.

Icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yakatiwe igihano n'inkiko kubera kugambanira igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, ntashobora guhabwa ibigenerwa abacyuye igihe.

**Article 115 : Benefits entitled to the President of the Republic**
***(Amendment n° 03 of 13/08/2008)***
An Organic Law shall determine the benefits to which the President of the Republic and the former Heads of State are entitled.

However, a President convicted of high treason or grave and intentional breach of the Constitution shall not be entitled to benefits accorded to former Heads of State.

**Article 115 : Avantages alloués au Président de la République**
***(Révision n° 03 du 13/08/2008)***
Une loi organique fixe les avantages accordés au Président de la République ainsi que ceux accordés aux anciens Chefs d'Etat.

Toutefois, le Président de la République qui a été condamné pour haute trahison ou pour violation sérieuse et délibérée de la Constitution, n'aura droit à aucun avantage lié à la cessation des fonctions.

Uwahoze ari Perezida wa Repubulika ntashobora gukurikiranwaho ibyaha bivugwa mu gika kibanziriza iki, igihe aba atarabikurikiranyweho akiri ku mirimo ye.

A former Head of State shall not be prosecuted for any of the preceding crimes when no proceedings in respect to such an offence were brought against him/her during his/her presidency.

Un ancien Président de la République ne peut faire l'objet de poursuite pour les infractions prévues à l'alinéa précédent s'il ne l'a pas été en cours de fonction.

**Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye Guverinoma**

**Section 2: The Cabinet**

**Section 2: Du Gouvernement**

**<u>Ingingo ya 116</u>: Abagize Guverinoma n'ishyirwaho ryabo** ***(Ivugururwa n° 04 ryo ku wa 17/06/2010)***

Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika, bibaye ngombwa.

Minisitiri w'Intebe atoranywa, ashyirwaho kandi avanwaho na Perezida wa Repubulika.

Abandi bagize Guverinoma bashyirwaho bakanakurwaho na Perezida wa Repubulika ashyikirijwe amazina yabo na Minisitiri w'Intebe.

Abagize Guverinoma batoranywa mu mitwe ya politiki hakurikijwe imyanya yayo mu Mutwe w'Abadepite ariko bitabujije ko n'abafite ubushobozi batari mu mitwe ya politiki bashyirwa muri Guverinoma.

Icyakora, umutwe wa Politiki wabonye amajwi menshi mu matora y'Abadepite ntushobora kurenza mirongo itanu ku ijana (50%) by'abagize Guverinoma.

**<u>Article 116</u>: Composition of Cabinet and appointment of its members** ***(Amendment n° 04 of 17/06/2010)***

The Cabinet shall comprise of the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other members who may be determined, if necessary, by the President of the Republic.

The Prime Minister shall be nominated, appointed and removed from office by the President of the Republic.

Other members of Cabinet shall be appointed and removed from office by the President of the Republic upon proposal by the Prime Minister.

Members of Cabinet shall be selected from political organizations on the basis of the seats those organizations have in the Chamber of Deputies without excluding the possibility of appointing to Cabinet other competent people who do not belong to political organizations.

However, a political organization holding the majority of seats in the Chamber of Deputies shall not exceed fifty per cent (50%) of all the members of the Cabinet.

**<u>Article 116</u>: Composition du Gouvernement et nomination de ses membres** ***(Révision n° 04 du 17/06/2010)***

Le Gouvernement se compose du Premier Ministre, des ministres, des secrétaires d'Etat et d'autres membres que le Président de la République peut désigner, en cas de nécessité.

Le Premier Ministre est choisi, nommé et démis de ses fonctions par le Président de la République.

Les autres membres du Gouvernement sont nommés et démis par le Président de la République sur proposition du Premier Ministre.

Les membres du Gouvernement sont choisis au sein des formations politiques en tenant compte de la répartition des sièges à la Chambre des Députés sans pour autant exclure la possibilité de choisir d'autres personnes compétentes qui ne sont pas membres des formations politiques.

Toutefois, la formation politique majoritaire à la Chambre des Députés ne peut pas avoir plus de cinquante pourcent (50%) de tous les membres du Gouvernement.

**<u>Ingingo ya 117</u>: Ishyirwaho n'inshingano bya Guverinoma** ***(Ivugururwa n° 03 ryo ku wa 13 kanama 2008)***

Minisitiri w'Intebe ashyirwaho bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'irahira rya Perezida wa Repubulika. Abandi bagize Guverinoma bashyirwaho bitarenze

**<u>Article 117</u>: Appointment and responsibilities of the Cabinet** ***(Amendment n° 03 of 13/08/2008)***

The Prime Minister shall be appointed within a period not exceeding fifteen (15) days after the oath of the President of the Republic. Other Cabinet members shall be

**<u>Article 117</u> : Mise en place et mission du Gouvernement** ***(Révision n° 03 du 13/08/2008)***

Le Premier Ministre est nommé dans un délai ne dépassant pas les quinze (15) jours suivant la prestation de serment du Président de la République. Les autres membres du

iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'ishyirwaho rya Minisitiri w'Intebe.

Guverinoma ishyira mu bikorwa politiki y'Igihugu Perezida wa Repubulika yumvikanyeho n'Inama y'Abaminisitiri.

Guverinoma ibazwa ibyo ikora na Perezida wa Repubulika n`Inteko Ishinga Amategeko. Uburyo Guverinoma ibazwamo ibyo ikora n'Inteko Ishinga Amategeko buteganywa n'Itegeko Nshinga.

**<u>Ingingo ya 118:</u> Inshingano za Minisitiri w'Intebe *(Ivugururwa n˚ 04 ryo ku wa 17/06/2010)***

Minisitiri w'Intebe:

1° ayobora imikorere ya Guverinoma akurikije imirongo mikuru yatanzwe na Perezida wa Repubulika, akanakurikirana iyubahirizwa ry'amategeko;

2° ategura gahunda ya Guverinoma abigiyeho inama n'abandi bagize Guverinoma;

3° ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe yatangiriye imirimo ye;

4° agena inshingano z'Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma;

5° ahamagaza Inama y'Abaminisitiri, ashyiraho urutonde rw'ibyigwa agishije inama abandi bagize Guverinoma, akabishyikiriza Perezida wa Repubulika n'abandi bagize Guverinoma nibura iminsi itatu (3) mbere y'uko inama iba, usibye ibibazo byihutirwa bisuzumwa n'inama zidasanzwe;

appointed within fifteen (15) days after the appointment of the Prime Minister.

The Cabinet shall implement national policy agreed upon by the President of the Republic and the Cabinet.

The Cabinet shall be answerable to the President of the Republic and Parliament. Modalities for exercising the oversight of the Government by the Parliament shall be provided for by the Constitution.

**<u>Article 118</u>: Responsibilities of the Prime Minister *(Amendment n˚ 04 of 17/06/2010)***

The Prime Minister shall:

1° head the operation of Cabinet in accordance with broad guidelines given by the President of the Republic and shall ensure the implementation of Laws ;

2° formulate Government programmes in consultation with other Cabinet members;

3° present to the Parliament Government programmes within a period of thirty (30) days after assuming office;

4° assign duties to Ministers, Ministers of State and other Cabinet members ;

5° convene Cabinet meetings, draw up the agenda of the Cabinet in consultation with other members of the Cabinet and shall communicate it to the President of the Republic and other members of the Cabinet at least three (3) days before the meeting, except in matters of urgency which shall be considered by extraordinary meetings of the Cabinet;

Gouvernement sont nommés dans un délai ne dépassant pas les quinze (15) jours suivant la nomination du Premier Ministre.

Le Gouvernement exécute la politique nationale arrêtée de commun accord par le Président de la République et le Conseil des Ministres.

Le Gouvernement est responsable devant le Président de la République et le Parlement. Les modalités de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement sont déterminées par la Constitution.

**<u>Article 118</u>: Attributions du Premier Ministre *(Révision n˚ 04 du 17/06/2010)***

Le Premier Ministre:

1° dirige l'action du Gouvernement suivant les grandes orientations définies par le Président de la République et assure le suivi de l'exécution des lois;

2° élabore le programme du Gouvernement en concertation avec les autres membres du Gouvernement;

3° présente au Parlement le programme du Gouvernement dans les trente (30) jours de son entrée en fonction;

4° fixe les attributions des ministres, secrétaires d'Etat et autres membres du Gouvernement ;

5° convoque le Conseil des ministres, établit son ordre du jour en consultation avec les autres membres du Gouvernement et le communique au Président de la République et aux autres membres du Gouvernement au moins trois jours (3) avant la tenue du Conseil, sauf les cas d'urgence dévolus aux Conseils extraordinaires;

6° ayobora Inama y'Abaminisitiri; icyakora, iyo Perezida wa Repubulika yayijemo ni we uyiyobora;

7° ashyira umukono ku mateka ashyiraho akanagenga imitunganyirize n'inshingano by'inzego za Leta ziri mu nshingano ze;

8° ashyira umukono ku mateka yerekeye ishyirwa ku mirimo n'ivanwaho ry'abakozi bakuru bakurikira:

a) Umuyobozi w'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe;

b) Abanyamabanga Nshingwabikorwa ba za Komisiyo z'Igihugu ;

c) Abajyanama n'Abakuru b'imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Intebe;

d) abandi bakozi bakuru mu bigo bya Leta igihe ntaho biteganyijwe ukundi ;

e) Abayobozi Bakuru n'Abayobozi mu Nteko Ishinga Amategeko, mu Rukiko rw'Ikirenga, muri Serivisi za Minisitiri w'Intebe, mu Bushinjacyaha Bukuru, muri Minisiteri no mu zindi nzego za Leta;

f) Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu, Abashinjacyaha bo ku rwego rwisumbuye n'Abashinjacyaha bo ku rwego rw'ibanze;

g) Abakozi bashyirwaho mu rwego rumwe n'abavuzwe muri iyi ngingo kimwe n'abandi bayobozi bateganywa n'itegeko iyo bibaye ngombwa.

Abandi bakozi bashyirwaho

6° chair Cabinet meetings; however, when the President of the Republic is in attendance, he/she shall chair;

7° sign Orders establishing and determining the organisation and responsibilities of public services under his/her authority;

8° sign appointment and termination Orders for the following senior officers:

a) Director of Cabinet in the Office of the Prime Minister;

b) Executive Secretaries of National Commissions;

c) Advisors and Heads of Service in the Office of the Prime Minister;

d) Other Senior officers of Public Institutions where it is not provided otherwise;

e) Directors General and Directors within Parliament, Supreme Court, Office of the Prime Minister, National Public Prosecution Authority, Ministries and other public institutions ;

f) National Prosecutors, prosecutors at the intermediate level and prosecutors at the primary level;

g) Public servants appointed at a similar level as those specified in this Article and any others as the law may specify where necessary.

Other public servants shall be

6° préside le Conseil des Ministres ; toutefois, lorsque le Président de la République est présent, celui-ci en assure la présidence;

7° signe les arrêtés portant création et déterminant l'organisation et les attributions des services de l'Etat sous sa supérvision;

8° signe les arrêtés de nomination et de cessation de fonction des hauts fonctionnaires suivants:

a) le Directeur de Cabinet du Premier Ministre;

b) les secrétaires exécutifs des Commissions Nationales ;

c) les conseillers et chefs de service dans les services du Premier Ministre;

d) les autres hauts cadres des établissements publics sauf s'il en est disposé autrement ;

e) les directeurs généraux et directeurs au sein du Parlement, de la Cour Suprême, des services du Premier Ministre, de l'Organe National de Poursuite Judiciaire, des ministères et autres institutions publiques ;

f) les procureurs nationaux, les officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance et ceux d'instance de base;

g) les fonctionnaires nommés à des fonctions de même rang que ceux cités dans le présent article et autres dirigeants déterminés par la loi si nécessaire.

Les autres fonctionnaires sont

hakurikijwe amategeko yihariye.

**Ingingo ya 119:**
Amateka ya Minisitiri w'Intebe ashyirwaho umukono w'ingereka n'Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashinzwe kuyashyira mu bikorwa.

**Ingingo ya 120:**
Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma bashyira mu bikorwa amategeko bakoresheje amateka igihe biri mu nshingano zabo.

Inama y'Abaminisitiri igendera ku ihame ry'uko abayigize bagomba gukorera hamwe.

Iteka rya Perezida rigena imikorere y'Inama y'Abaminisitiri, abayigize n'uburyo ibyemezo byayo bifatwa.

**Ingingo ya 121: Ibyigwa n'Inama y'Abaminisitiri *(Ivugururwa n˚ 04 ryo ku wa 17/06/2010)***

Inama y'Abaminisitiri isuzuma:

1° imishinga y'amategeko n'iy'amategeko-teka;

2° imishinga y'amateka ya Perezida, aya Minisitiri w'Intebe, ay'Abaminisitiri, ay'Abanyamabanga ba Leta n'ay'abandi bagize Guverinoma**;**

3° ibindi byose iherwa ububasha n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Iteka rya Perezida rigena Amateka y'Abaminisitiri, ay'Abanyamabanga ba Leta n'ay'abandi bagize Guverinoma yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri.

appointed in accordance with specific Laws.

**Article 119:**
Prime Minister's Orders shall be countersigned by the Ministers, Ministers of State and other members of the Cabinet responsible for their implementation.

**Article 120:**
Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet shall implement laws relating to matters for which they are responsible by way of orders.

The Cabinet shall function on the basis of collective responsibility.

A Presidential Order shall determine the Cabinet's functioning, membership and procedures for making decisions.

**Article 121: Items deliberated upon by the Cabinet *(Amendment n˚ 04 of 17/06/2010)***

Cabinet shall deliberate upon the following:

1° bills and draft decree-laws;

2° drafts of Presidential Orders, Prime Minister's Orders, Ministerial Orders, and Orders of Ministers of State and other members of Cabinet;

3° any other matters in respect of which the Constitution and other laws vest responsibility in the Cabinet.

A Presidential Order shall determine Ministerial Orders, Oders of Ministers of State and Orders of other members of Cabinet which shall be adopted without consideration by the Cabinet.

nommés conformément à des lois spécifiques.

**Article 119:**
Les arrêtés du Premier Ministre sont contresignés par les ministres, les secrétaires d'Etat et autres membres du Gouvernement chargés de leur exécution.

**Article 120:**
Les ministres, les secrétaires d'Etat et les autres membres du Gouvernement exécutent, les lois par voie d'arrêtés lorsqu'ils en sont chargés.

Le Conseil des Ministres fonctionne sur base du principe de la solidarité gouvernementale.

Un arrêté présidentiel détermine le fonctionnement, la composition et le mode de prise de décision du Conseil des Ministres.

**Article 121: Points examinés par le Conseil des Ministres *(Révision n˚ 04 du 17/06/2010)***

Le Conseil des Ministres délibère sur:

1° les projets de lois et de décrets-lois ;

2° les projets d'arrêtés présidentiels, du Premier Ministre, des ministres, des secrétaires d'Etat et d'autres membres du Gouvernement ;

3° toutes autres questions de sa compétence en vertu de la Constitution et d'autres lois.

Un arrêté présidentiel détermine les arrêtés ministériels, les arrêtés des secrétaires d'Etat et ceux des autres membres du Gouvernement qui ne sont pas soumis à l'adoption du Conseil des Ministres.

**Ingingo ya 122: Ibigenerwa abagize Guverinoma n'ibitabangikanwa n'imirimo yabo** *(Ivugururwa n˚ 04 ryo ku wa 17/06/2010)*

Imirimo y'abagize Guverinoma ntibangikana no kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko cyangwa gukora undi murimo uhemberwa.

Indi mirimo itabangikanywa no kuba mu bagize Guverinoma igenwa n'itegeko ngenga ryerekeye imyitwarire y'abayobozi.

Itegeko ngenga rigena ibigenerwa abagize Guverinoma.

**Ingingo ya 123 :**
Mbere yo gutangira imirimo, Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga.

**Ingingo ya 124 :**
Iyo Minisitiri w'Intebe yeguye cyangwa avuyeho ku mpamvu iyo ari yo yose, bituma n'abandi bagize Guverinoma begura.

Perezida wa Repubulika yakira ukwegura kwa Guverinoma iyo Minisitiri w'Intebe akumushyikirije.

Muri icyo gihe Guverinoma ikora gusa imirimo ya buri munsi kugeza igihe hashyiriweho indi Guverinoma.

**Ingingo ya 125 :**
Buri Minisitiri, buri Munyamabanga wa Leta cyangwa undi wese mu bagize Guverinoma ashobora kwegura ku bushake bwe abikoze mu nyandiko. Inyandiko yo kwegura ishyikirizwa Perezida wa Repubulika binyujijwe kuri Minisitiri w'Intebe.

Uko kwegura kwemerwa iyo mu

**Article 122: Benefits for members of the Cabinet and incompatibilities with their office** *(Amendment n˚ 04 of 17/06/2010)*

The office of members of Cabinet is incompatible with membership of Parliament or any other remunerated activity.

Other incompatibilities with being a member of Cabinet shall be determined by the Organic Law on leadership code of conduct.

An Organic Law shall determine benefits to which members of the Cabinet are entitled.

**Article 123:**
Before assuming office, the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other members of Cabinet shall take oath before the President of the Republic, Parliament and the Supreme Court.

**Article 124:**
The resignation or vacation of the office of the Prime Minister on account of any reason shall lead to resignation of other members of the Cabinet.

The President of the Republic shall receive the resignation of the Cabinet when it is submitted by the Prime Minister.

During such period, the Cabinet shall only deal with routine business until a new Cabinet is appointed.

**Article 125:**
Each Minister, Minister of State or other member of the Cabinet may individually tender in his/her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.

The resignation shall become

**Article 122: Avantages dévolus aux membres du Gouvernement et incompatibilités de leurs fonctions** *(Révision n˚ 04 du 17/06/2010)*

Les fonctions de membre du Gouvernement sont incompatibles avec l'exercice d'un mandat parlementaire ou d'une autre activité rémunérée.

Les autres incompatibilités avec les fonctions de membre du Gouvernement sont déterminées par la loi organique régissant le code de conduite des autorités.

Une loi organique fixe les avantages alloués aux membres du Gouvernement.

**Article 123:**
Avant d'entrer en fonction, le Premier Ministre, les ministres, les secrétaires d'Etat et les autres membres du Gouvernement prêtent serment devant le Président de la République et en présence du Parlement et de la Cour Suprême.

**Article 124:**
La démission ou la cessation de fonctions du Premier Ministre entraîne la démission de l'ensemble des membres du Gouvernement.

Le Président de la République prend acte de la démission du Gouvernement lui présentée par le Premier Ministre.

Dans ce cas, le Gouvernement assure seulement l'expédition des affaires courantes jusqu'à la formation d'un nouveau Gouvernement.

**Article 125:**
Chaque ministre, secrétaire d'Etat ou autre membre du Gouvernement peut, à titre personnel, présenter sa démission au Président de la République par l'intermédiaire du Premier Ministre.

Cette démission n'est définitive que

gihe cy'iminsi itanu (5) nyir'ubwite atisubiyeho kandi na Perezida wa Repubulika akamwemerera.

effective if, within a period of five (5) days, it is not withdrawn by the member of Cabinet concerned and the President of the Republic has consented to it.

si, dans un délai de cinq (5) jours, elle n'est pas retirée par l'intéressé et que le Président de la République marque son accord.

**Icyiciro cya 3 : Ibyerekeye Ubuyobozi bw'ibikorwa bya Leta**

**Section 3: Public Administration**

**Section 3: De l'Administration Publique**

**Ingingo ya 126 :**
Abakozi ba Leta bahabwa akazi, bashyirwa mu myanya, bazamurwa mu ntera hakurikijwe ihame ry'uko abenegihugu bose bangana, nta kugendera ku marangamutima, nta kubogama kandi binyuze mu mucyo hashingiwe ku bushobozi n'ubudakemwa bw'abasaba akazi b'inyangamugayo b'ibitsina byombi.

Leta yishingira ukutabogama kw'abayobozi b'ibikorwa bya Leta, ukw'Ingabo z'u Rwanda, ukw'abapolisi b'u Rwanda n'uko Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n' Umutekano. Bose bagomba buri gihe kutagira aho babogamira no gukorera abaturage nta vangura.

**Article 126:**
Public servants shall be recruited, posted and promoted in conformity with the principle of equality of citizens, through an objective, impartial and transparent system on the basis of the competence, merit and integrity of applicants of both sexe.

The State shall guarantee the impartiality of the leadership of government departments, the Rwanda Defence Forces, the Rwanda National Police and the National Intelligence and Security Service. They shall all, at all times, ensure impartiality and serve all citizens without discrimination.

**Article 126:**
Les agents de l'Etat sont recrutés, affectés et promus conformément au principe d'égalité des citoyens, suivant un système objectif, impartial et transparent basé sur la compétence et les capacités des candidats intègres des deux sexes.

L'Etat garantit la neutralité de l'administration, des Forces Rwandaises de Défense, de la Police Nationale du Rwanda et du Service National de Renseignements et de Sécurité qui doivent, en toutes circonstances, garder l'impartialité et être au service de tous les citoyens.

**UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE IMIKORANIRE Y'UBUTEGETSI SHINGAMATEGEKO N'UBUTEGETSI NYUBAHIRIZATEGEKO**

**CHAPTER IV: RELATIONSHIP BETWEEN THE LEGISLATURE AND EXECUTIVE**

**CHAPITRE IV: DES RAPPORTS ENTRE LE POUVOIR LEGISLATIF ET LE POUVOIR EXECUTIF**

**Ingingo ya 127 :**
Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagomba kumenyeshwa ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'iza Komisiyo zawo.

Minisitiri w'Intebe n'abandi bagize Guverinoma bashobora kujya mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko iyo babishatse. Bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye.

Iyo bibaye ngombwa bashobora guherekezwa n'impuguke bihitiyemo.

Izo mpuguke zishobora gufata ijambo mu nama za Komisiyo Zihoraho gusa.

**Article 127:**
The President of the Republic and the Prime Minister shall be informed of the agenda of the sessions of each Chamber of Parliament and of its Committees**.**

The Prime Minister and other members of the Cabinet may attend the sessions of each Chamber of Parliament if they so wish. They take the floor whenever they request to do so.

They may, if need be, be accompanied by technical advisers of their choice.

Such technical advisers may only take part in deliberations in Standing Committees.

**Article 127:**
Le Président de la République et le Premier Ministre doivent être informés de l'ordre du jour des séances de chaque Chambre du Parlement et de ses Commissions.

Le Premier Ministre et les autres membres du Gouvernement peuvent, s'ils le désirent, assister aux séances de chaque Chambre du Parlement. Ils y prennent la parole chaque fois qu'ils en expriment le désir.

Ils peuvent, le cas échéant, se faire accompagner des techniciens de leur choix.

Ces techniciens peuvent prendre la parole seulement dans les Commissions permanentes.

**Ingingo ya 128:**
Uburyo Umutwe w'Abadepite umenya ukanagenzura ibikorwa bya Guverinoma ni ubu bukurikira :

1° kubaza mu magambo ;

2° kubaza mu nyandiko ;

3° kubaza muri Komisiyo ;

4° gushyiraho Komisiyo y'igenzura ;

5° kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.

Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa mu kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

**Ingingo ya 129:**
Mu rwego rwo kumenya no kugenzura imikorere ya Guverinoma, abagize Sena bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa minisiteri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'Abaminisitiri ba za minisiteri bireba.

Sena ishobora na none gushyiraho za komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Icyakora, ntishobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.

**Ingingo ya 130:**
Umutwe w'Abadepite ushobora gukemanga imikorere ya Guverinoma, iy'umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma ukoresheje itora ry'icyemezo cyo kubavanaho icyizere.

**Article 128:**
The Chamber of Deputies shall employ the following methods to obtain information and exercise oversight of activities of the government:

1° oral questions;

2° written questions;

3° hearings before Committees;

4° Commissions of inquiry;

5° interpellation.

An Organic Law shall determine the procedures by which Parliament obtains information and exercises oversight of government action.

**Article 129:**
In the context of obtaining information and exercising oversight of government action, members of the Senate may address oral or written questions to the Prime Minister to which he/she shall either respond in person if the questions relate to the government as a whole or to many Ministries collectively or through the Ministers responsible for the matters in question.

The Senate may, in addition, set up commissions for oversight of government action.

However, it shall not conduct interpellation or initiate a motion of no confidence.

**Article 130:**
The Chamber of Deputies may put the performance of Cabinet or of one or several members into question through a vote of no confidence.

**Article 128:**
Les moyens d'information et de contrôle de la Chambre des Députés à l'égard de l'action gouvernementale sont :

1° la question orale;

2° la question écrite;

3° l'audition en Commission;

4° la Commission d'enquête;

5° l'interpellation.

Une loi organique fixe les conditions et les procédures relatives aux moyens d'information et de contrôle de l'action gouvernementale.

**Article 129:**
Dans le cadre de la procédure d'information et de contrôle de l'action gouvernementale, les membres du Sénat peuvent adresser au Premier Ministre des questions orales ou des questions écrites auxquelles il répond soit lui-même, s'il s'agit de questions concernant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs ministères à la fois, soit par l'intermédiaire des Ministres concernés s'il s'agit de questions concernant leurs départements ministériels.

Le Sénat peut également constituer des commissions pour le contrôle de l'action gouvernementale.

Toutefois, il ne peut procéder à l'interpellation ni initier la procédure de censure.

**Article 130:**
La Chambre des Députés peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ou celle d'un ou plusieurs membres du Gouvernement par le vote d'une motion de censure.

Icyifuzo cyo gukuraho icyizere cyakirwa gusa nyuma yo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko kandi kigashyirwaho umukono nibura na kimwe cya gatanu (1/5) cy'abagize Umutwe w'Abadepite iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma, cyangwa kimwe cya gatatu (1/3) nibura iyo bireba Guverinoma yose.

Icyemezo cyo kuvanaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha mirongo ine n'umunani (48) kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe, cyemezwa gusa kandi n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite.

Isoza ry'ibihembwe bisanzwe cyangwa bidasanzwe rigomba gusubikwa kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo.

**Ingingo ya 131:**
Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.

Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.

Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.

**Ingingo ya 132:**
Bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba abagize Umutwe w'Abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w'itegeko.

Impaka ku kibazo cyo kugaragaza

A motion of no confidence shall only be accepted after interpellation and only on condition that the motion is signed by at least a fifth (1/5) of the members of the Chamber of Deputies in the case of a vote of no confidence against one member of the Cabinet, or by at least a third (1/3) of the members of the Chamber of Deputies if it concerns the entire Cabinet.

A motion of no confidence shall not be voted upon prior to the expiry of at least forty-eight (48) hours after its introduction and shall be adopted through a secret ballot by a majority of at least two-thirds (2/3) of the members of the Chamber of Deputies.

The conclusion of ordinary or extraordinary sessions shall be postponed to ensure the application of the provisions of this Article.

**Article 131:**
A member of the Cabinet against whom a vote of no confidence is passed shall tender his/her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.

When the vote of no confidence is passed against the Government, the Prime Minister shall tender the resignation of the Government to the President of the Republic.

Where a motion of no confidence is rejected, signatories to the motion shall not introduce another motion for a vote of no confidence during the same session.

**Article 132:**
The Prime Minister may, upon the proposal by the Cabinet, request the Chamber of Deputies to pass a motion on a vote of confidence either in respect of the Government programme or adoption of a bill.

The debate on the request for a vote

Une motion de censure n'est recevable qu'après une interpellation et que si elle est signée par un cinquième (1/5) au moins des membres de la Chambre des Députés pour le cas d'un membre du Gouvernement ou par un tiers (1/5) au moins s'il s'agit de tout le Gouvernement.

Le vote ne peut avoir lieu que quarante huit (48) heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité des deux tiers (2/3) des membres de la Chambre des Députés.

La clôture des sessions ordinaires ou extraordinaires est de droit retardée pour permettre l'application des dispositions du présent article.

**Article 131:**
Un membre du Gouvernement contre lequel est adoptée une motion de censure est tenu de présenter sa démission au Président de la République par l'intermédiaire du Premier Ministre.

Lorsque la motion de censure est adoptée contre le Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission du Gouvernement au Président de la République.

Si la motion de censure est rejetée, ses signataires ne peuvent en présenter une nouvelle au cours de la même session.

**Article 132:**
Le Premier Ministre peut, après délibération du Conseil des Ministres, engager la responsabilité du Gouvernement devant la Chambre des Députés en posant la question de confiance, soit sur l'approbation du programme du Gouvernement, soit sur le vote d'un texte de loi.

Le débat sur la question de confiance

icyizere ntizishobora kugibwa mbere y'iminsi itatu (3) yuzuye uhereye igihe icyo kibazo cyabagereyeho.

Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere bikorwa gusa binyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'Abagize Umutwe w'Abadepite.

Iyo minisitiri w'Intebe bamwimye icyizere, agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24).

**<u>Ingingo ya 133:</u> Iseswa ry'Inteko Ishinga Amategeko**
***(Ivugururwa n° 03 ryo ku wa 13 kanama 2008)***

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 76 y'iri Tegeko Nshinga, Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe, ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gusesa Umutwe w'abadepite ku mpamvu z'ibibazo bikomereye igihugu.

Itora ry'abadepite rikorwa mu minsi itarenze mirongo icyenda (90) ikurikira iryo seswa.

Perezida wa Repubulika ntashobora gusesa Umutwe w'abadepite inshuro zirenze imwe muri manda ye.

Sena ntishobora guseswa.

**<u>Ingingo ya 134</u>: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma**
***(Ivugururwa n˚ 04 ryo ku wa 17/06/2010)***

Rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitiri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma**.**

of confidence may not take place prior to the expiry of at least three (3) full days from the time the request was submitted.

A vote on the motion of confidence may only be rejected through a secret ballot by a majority of two-thirds (2/3) of the members to the Chamber of Deputies.

In the event that the Prime Minister loses a vote of confidence, he/she shall submit the resignation of the Governement to the President of the Republic, within twenty four (24) hours.

**<u>Article 133</u>: Dissolution of Parliament**
***(Amendment n° 03 of 13/08/2008)***

Without prejudice to the provisions Article 76 of this Constitution, the President of the Republic after consultation with the Prime Minister, both Presidents of the Chambers of Parliament and the President of the Supreme Court, may dissolve the Chamber of Deputies if there are national interests at stake.

Elections of the Deputies shall take place within a period not exceeding ninety (90) days after dissolution.

The President of the Republic shall not dissolve the Chamber of Deputies more than once during his/her term of office.

The Senate shall not be dissolved.

**<u>Article 134</u>: Informing the Parliament of Government activities**
***(Amendment n˚ 04 of 17/06/2010)***

The Prime Minister shall, once in a session of the Parliament, inform both Chambers of Parliament in a joint session, of government activities.

ne peut avoir lieu que trois (3) jours francs après qu'elle ait été posée.

La confiance ne peut être refusée que par un vote au scrutin secret à la majorité de deux tiers (2/3) de membres de la Chambre des Députés.

Si la confiance est refusée, le Premier Ministre doit présenter au Président de la République la démission du Gouvernement, dans un délai ne dépassant pas vingt-quatre (24) heures.

**<u>Article 133</u>: Dissolution du Parlement**
***(Révision n° 03 du 13/08/2008)***

Sans préjudice aux dispositions de l'article 76 de la présente Constitution, le Président de la République peut, après consultation du Premier Ministre, des Présidents des deux Chambres du Parlement et du Président de la Cour Suprême, prononcer la dissolution de la Chambre des Députés pour des motifs importants en rapport avec les intérêts de la nation.

Les élections des Députés ont lieu dans un délai ne dépassant pas quatre-vingt dix (90) jours qui suivent la dissolution.

Le Président de la République ne peut pas dissoudre la Chambre des Députés plus d'une fois au cours de son mandat.

Le Sénat ne peut pas être dissout.

**<u>Article 134</u>: Information du Parlement des activités du Gouvernement** ***(Révision n˚ 04 du 17/06/2010)***

Une fois par session parlemementaire, le Premier Ministre informe le Parlement, les deux Chambres réunies, de l'action du Gouvernement.

Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) nyuma y’uko byemejwe.

Mu gihe cy’ibihembwe by’Inteko, inama imwe buri cyumweru iharirwa ibibazo abagize Inteko Ishinga Amategeko babaza Guverinoma n’ibisubizo ibaha.

